



Ikiyamakuru ku miterere y'ibihe N°02/2017:

Taliki ya 11–20 Mutarama 2017

Ryoherejwe kuwa 22 Mutarama 2017

Ingingo z'ingenzi:

- o **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse hagati ya 11-20_Mutarama_2017; cyagaragaje imvura yagabanutse mu gihugu hose.
- o **Ububobere bw'ubutaka** bwaragabanutse mu gihugu hose haba mu gie cya mbere ndetse n'icya kabiri bya Mutarama_2017.
- o **21-31_Mutarama_2017**; hateganyijwe **ubwiyongere ku mvura** ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya 2 cya Mutarama_2017 mu bice byose by'igihugu.

I. Iriburiro


Mu gice cya 2 cya Mutarama_2017; habonetse imvura nke ugereranyije n'iyoye dusanzwe tubona muri icyo minsi kuri buri bupimiro.

- Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 21-31_Mutarama_2017 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri icyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Mutarama_11-20_2017	Mutarama_11-20
Kigali	0	22.1
Rusizi (Kamembe)	23.2	41.5
Rubavu (Gisenyi)	3.9	29.8
Nyamagabe (Gikongoro)	4.3	44.1
Ngoma (Kibungo)	1.2	21.9
Gicumbi (Byumba)	0	24.3
Bugarama	10.9	37
Musanze (Ruhengeri)	3.5	23.7
Gitega	3.2	28.8
Rubengera	18.5	39.2
Byimana	2.2	31.4
Kawangire	0	21.7
Nyagatare	0	12.5


Imbonerahamwe ya




Igishushanyo

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita ya **1&2** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 11-20_Mutarama_2017 ndetse imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 1-10_Mutarama_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.


Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Mutarama_2017




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Mutarama



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 1-10_Mutarama_2017



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 1-10_Mutarama



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu 11-20_Mutarama_2017 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu 11-20_Mutarama_2017; cyagaragaje ko imvura yabonetse yabaye nkeya ugereranyije n'iyi dusanzwe tubona muri iyo minsi (reba **Ikarita1&2**) naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu 1-10_Mutarama_2017; cyagaragaje imvura iri mu kigereranyo cy'isanzwe iboneka eretse Intara yose y'Uburasirazuba, Uturere twa Gicumbi na Musanze ndetse n'uburasirazuba bw'Umujyi wa Kigali bwabonye imvura iri munsi cyane (reba **Ikarita3&4**)

a) Intara y'Uburasirazuba

Ubupimiro bwose bw'iyi Ntara bwagaragaje imvura iri munsi y'isanzwe iboneka muri iyi minsi (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

b) Intara y'Amajyaruguru

Ubupimiro bwose bw'iyi Ntara bwagaragaje imvura iri munsi y'isanzwe iboneka muri iyi minsi (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

c) Intara y'Amajyepfo

Ubupimiro bwose bw'iyi Ntara bwagaragaje imvura iri munsi y'isanzwe iboneka muri iyi minsi (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

d) Intara y'i Burengerazuba


Ubupimiro bwose bw'iyi Ntara bwagaragaje imvura iri muni y'isanzwe iboneka muri iyi muni (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

e) Umujyi wa Kigali

Ubupimiro bw'Umujyi wa Kigali bwose bwagaragaje imvura iri muni y'isanzwe iboneka muri iyi muni (reba **Imbonerahamwe ya1** n' **Ikarita ya1&2**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Kuva taliki ya 1 kugeza 20_Mutarama_2017; igabanuka ry'imvura ryateye ukugabanuka ku bubobere bw'ubutaka (reba **Ikarita 5&6**)

Mu gice cya gatatu cya Mutarama_2017; hateganijwe imvura izaba ifite icyerekezo cy'amajyepfo y'uburengerazuba ikaziyongera ugereranyije n'iyi twabonye mu gice cya 3 cya Mutarama_2017 mu bice byose by'igihugu.

Abahinzi barasabwa kuba maso kuko imvura iteganyijwe itahaza ibikorwa byo mu mirima hubwo kuhira ibihingwa byafasha ndetse bikaba byatuma ubutaka butaba agasi (bubasha kwakira imvura ntibitere isuri)

Iteganagihe ry'igice cya gatatu Mutarama_2017

Hateganijwe iyongera ry'imvura nke mu bice byinshi by'igihugu mu gice cya gatatu cya Mutarama_2017:

Umujyi wa Kigali; hateganijwe ibicu byiganje ndetse n'iboneka ry'imvura ricye.

Intara y'Uburasirazuba; hateganijwe ibicu byiganje ndetse n'iboneka ry'imvura ricye.

Intara y'Uburengerazuba; hateganijwe ibicu byiganje ndetse n'imvura yumvikanamo inkuba mu bice byinshi by'iyi Ntara.

Intara y'Amajyaruguru; hateganijwe ibicu byiganje ndetse n'imvura yumvikanamo inkuba mu bice byinshi by'iyi Ntara, cyane cyane uburengerazuba bw'iyi Ntara.

Intara y'Amajyepfo; hateganijwe ibicu byiganje ndetse n'imvura yumvikanamo inkuba mu bice byinshi by'iyi Ntara, cyane cyane uburengerazuba bw'iyi Ntara.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri muni (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)